AKARERE KA NYAGATARE

IJAMBO RYIBANZE

Bajyanama bagenzi banjye, nishimiye kuba mpawe umwanya wo kugira icyo navuga.Iyi manda dushoje (2011-2016) yabaye umwanya mwiza wo kunononsora no gufata ibyemezo byateje imbere Akarere kacu .

Muri iyi myaka 5 ishize, Akarere ka Nyagatare kakomeje kugaragara mumyanya ya mbere mukwesa imihigo.Ibyo bishingira kubwumvikane no gufatanya byaranze abajyanama bose ndetse n'abafatanyabikorwa bose.

Ndashimira abjayanama ndetse n'abaturage bagiye baduha ibitekerezo byubaka akarere kacu.Byumwihariko ndashimira abari bagize komite nyobozi,kubera umurava n'ubwitange ndtetse n'ubufatanye bwabaranze mugushyira mubikorwa ibyemezo byafashwe n'inama njyanama.

Ndasoza nshimira Imana yadufashije nkuko biri mundahiro twarahiye dutangira imirimo ndetse nifuriza amahirwe kuri abo bose bazashobora gukomeza imirimo y'ubujyanama muri manda zizakurikira iyi dusoje.

Murakoze

KAMANZI Alicade

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'akarere ka NYAGATARE

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE BYA MANDA Y'IMYAKA ITANU 2011-2015.

I. UBUKUNGU

A. Ingengo y'Imari yatowe

NO	IGIHE INAMA YABEREYE	INGINGO YIZWEHO	UMWANZURO
1	**24/06/2011**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2011-2012	Inama njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyagatare yemeje ingengo y'imari y'Akarere ingana na miliyari **7,807,719,111,**
2	**29/02/2012**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye Budget revision 2011-2012	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye ihwanye na miliyari umunani, miliyoni ijana na mirongo irindwi n'imwe,ibihumbi Magana atandatu mirongo inani na birindwi Magana inani mirongo inani n'atatu 8171687883.
3	**27/06/2012**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2012-2013	Inama njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyagatare yemeje ingengo y'imari y'akarere ingana na miliyari icyenda miliyoni mana arindwi mirongo irindwi n'umunani ibihumba Magana atandatau mirongo itandati na bitandatu Magana atandatu mirongo irindwi (9,778,666,670)
4	**11/02/2013**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye 2012-2013.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye 2012-2013 ingana na miliyari icumi milyoni zirindwi ibihumbi Magana abiri mirongo itandatu na birindwi na Magana atandatu cumi n'atatu 10,007,267,613.
5	**05/08/2013**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2013/2014**.**	Abagize inama njyanama y'Akarere bagejejweho ingengo y'imari y'Akarere ka Nyagatare **2013/2014** ingana na miliyari icumi miliyoni magana acyenda mirongo itanu n'eshatu ibihumbi Magana inani mirongo itanu na bibili magana inani mirongo inani n'icyenda (**10,953,852,889frw**),

			barayisengura bayunguranaho ibitekerezo ku buryo burambuye hanyuma abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare barayemeza.
6	**14/02/2014**		Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyagatere 2013-2014 ingana na miliyari cumi n'ebyiri, miliyoni Magana atanu mirongo ine n'umunani,ibihumbi Magana ane mirongo itanu na birindwi n'amafaranga mirogo itandatu(12,548,457,060frw).
7	**27/06/2014**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2014-2015	abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye 2014-2015 yavuye kuri miliyari cumi n'imwe, miliyoni magana cyenda n'eshatu ibihumbi magana abiri mirongo irindwi na bine na Magana ane na cumi n'ane (**11,903,274,414frw)**
8	**06/02/2015**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye, (budget revision 2014-2015	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye 2014-2015 yavuye kuri miliyari cumi n'imwe, miliyoni magana cyenda n'eshatu ibihumbi magana abiri mirongo irindwi na bine na Magana ane na cumi n'ane (**11,903,274,414frw)** igera kuri miliyali cumi n'imwe, miliyoni magana inani mirongo itatu na zirindwi, ibihumbi magana atatu mirongo itanu na bitandatu na Magana atanu mirongo cyenda n'ane (**11,837,356,594frw**).
9	**30/06/2015**	Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2015-2016	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ingengo y'imari y'Akarere ingana na miliyari cumi n'eshatu miliyoni Magana abiri mirongo irindwi n'ebyiri ibihumbi Magana ane mirongo itandatu na bitanu na Magana cyenda

			mirongo itanu n'abiri (**13,272,465,952 frw**).
10	**22/08/2014**	Kugena ibipimo by'amahoro 2014-2015.	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ibipimo by'amahoro 2014-2015
11	**30/06/2015**	Kwemeza ibipimo by'amahoro 2015-2016)	abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ibipimo by'amahoro 2015-2016.
B.IMISORO N'AMAHORO			
12	**20/10/2011**	Kwemeza imisoro n'amahoro no kugaragarizwa imikoreshereze y'amafaranga y'igihembwe cya mbere 2011-2012	Inama njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyagatare yemeje imisoro n'amahoro by'Akarere ka Nyagatare 2011-2012
13	**01/12/2014**	Kugena imikoreshereze y'isoko rya Nyagatare.	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bashingiye ku byavuye mu itsinda ryashyizweho n'akarere ku kwiga ku mikoreshereze y'isoko rya Nyagatare, mu myanzuro bafashe ku mataliki ya 29/07/2014 na 07/08/2014, Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bashyizeho gahunda y'imikoreshereze y'iryo soko.
C.UBUTAKA N'IMITURIRE			
14	**25/03/2011**	Kwemeza ubutaka bwaho case social izubakaho amazu agera kuri 300	Inama njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko Ubutaka buherereye mumudugudu wa KINIHIRA,akagari ka Barija bungana na hectare 27 banyirabwo bahabwa ingurane hanyuma RSSB ikabanza kubaka amazu atatu y'icyitegererezo.

15	**04/08/2011**	Kwemeza kuba umunyamuryango wa EPIC	Inama njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko Akarere kaba umunyamuryango wa EPIC kagatanga umugabane ungana na miliyoni ijana (100,000,000 Frs)
16	**20/10/2011**	Kwemeza ubutaka bwa EPIC	Inama njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyagatare yemeje ahazakorerwa ibikorwa bya EPIC hangana na 4,5ha haherereye mu murenge wa Nyagatare,Akagali ka Nyagatare, umudugudu wa Mirama ya I.
17	**29/02/2012**	Kwemeza Agaciro k'ubutaka bwo kubakaho EPIC	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko agaciro k'ubutaka bwa EPIC bungana na hegitari enye n'igice bufite agaciro ka miliyoni 25,470,000 azavanwa mumugabane Akarere kazatanga mukugura imigabane muri EPIC, hanyuma Akarere kakazatanga asigaye.
18	**20/10/2011**	Kwemeza ubutaka bwo kubakaho uruganda rw'Amakaro	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ahagomba kubakwa uruganda rw'Amakaro (ha 46) , inagena ko abaturage bari batuye muri ako gace bimurirwa mu butaka bw'Akarere buherereye muri mumudugudu wa KIREBE,akagari ka KIREBE mu murenge wa RWIMIYAGA.
19	**28/01/2013**	Kwemeza igiciro cy'ibibanza by'Akarere biri Karangazi (Rwisirabo,Rwabiharamba), Rukomo na Rwimiyaga.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko ibibanza by'Akarere 108 biri Rwabiharamba buri kibanza cyatangwa kubihumbi Magana abiri (20,000 Frs), naho ibibanza 50 biri Rwisirabo ko byatangwa kubihumbi Magana atatu buri kibanza (300,000 Frs) ibibanza 20 biri Rukomo ko byatangwa ku bihumbi Magana atatu buri kibanza (300,000 Frs),naho ibibanza 40 biri mu kirebe ko bitangwa ku bihumbi Magana abiri ku kibanza (200,000 Frs) .
20	**28/01/2013**	Kwiga kumikoreshereze y'ubutaka bwahoze ari ubwa LWF.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko ubwo butaka bwegurirwa Akarere maze bugakoreshwa ibijyanye n'igishushanyombonera cy'umujyi.
21	**01/04/2013**	Abasabye aho kubaka inganda	Inama njyanama yasuzumye ibaruwa ya Nyagatare Agro- ventures Rwanda ltd yo kuwa 21/01/2013 yandikiwe umuyobozi w' Akarere yasabaga ubutaka bungana na hegitari eshatu

			(3ha) bwo kubakamo uruganda rwogutunganya umuceri i Ryabega. Inama njyanama yemeje ko uwomushoramari yahabwa ubwo butaka ariko akazakora ibiteganywa n'amategeko.
22	**05/08/2013**	Kwemeza ubutaka bwo kubakaho ivuriro mu Murenge wa Rwimiyaga	Inama njyanama yemeje ubutaka bungana na 10ha bwo kubakaho ivuriro mu Murenge wa Rwimiyaga, Akagari ka Rutungu, Umudugudu wa Gakagati I.
23	**27/10/2013**	Kwemeza ubutaka bwa koperative agakiriro	Inama njyanama yemeje ko koperative agakiriro yahabwa ubutaka bungana na 2ha mu Murenge wa Nyagatare, akagari ka Barija bwo gukoreraho ibikorwa byayo.
24	**29/02/2012**	Kwemeza ubutaka buzubakwaho stade.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ubutaka bungana na hegitari icumi (10ha) bwa Bwana RWABUKUMBA Vianney buherereye mu murenge wa Nyagatare, Akagali ka Nsheke, bwakubakwamo stade, hanyuma umuturage agahabwa ingurane hakurikijwe itegeko rigena iyimurwa kubw'inyungu rusange.
25	**06/10/2012**	Kwemeza igishushanyombonera cy'umujyi wa Nyagatare	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare imaze kugaragarizwa igishushanyo mbonera cy'umujyi no kucyunguranaho ibitekerezo; Yemeje ko ubuso bungana na 450 ha bukorerwaho igishushanyo mbonera.
26	**03/6/10/2012**	Kwemeza ingurane y'abaturage bari bafite amazu aho isoko rya kijyambere rya Nyagatare ryubatswe.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko mu rwego rwo guhabwa ingurane, abaturage bafite amazu ahubatswe isoko rishya bemerewe gukorera muri iryo soko kugeza aho amafaranga yabo arangiriye nyuma bagakodesha bisanzwe.
27	**08/12/2012**	Kwemeza ubutaka bw'inkeragutabara.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko mu rwego rwo gutuza no gufasha inkeragutabara zitishoboye bahabwa hegitari mirongo ine (40 ha) ziherereye mu murenge wa KARANGAZI Mukagari ka KARAMA, mu mudugudu wa KARAMA.

28	**08/10/2012**	Ikibazo cy'inzu ya MWIZERWA Ignace	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko MWIZERWA Ignace utuye mumudugudu wa NYAGATARE I , akagari ka NYAGATARE mu Murenge wa NYAGATARE ; Ahabwa amafaranga anagana na miliyoni esheshatu ibihumbi ijana na cumi n'umunani magandatu na cumi narindwi (6,118,617 frw) nk'igurane y'inzu ye yashenywe ahacishijwe umuhanda.
29	**05/08/2013**	Kwemeza igurishwa ry'ibikoresho by'Akarere bishaje.	Inama njyanama imaze kubona ko hari ibikoresho by'Akarere bishaje, ishingiye kandi ku itegeko **n° 50/2008** ryo kuwa **09/09/2008** rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite, mu ngingo yaryo ya 4, yemeje urutonde rw' ibikoresho by'Akarere bishaje bigomba ku gurishwa.
30	**05/08/2013**	Kwemeza imihanda	Inama njyanama yemeje imihanda iri ku rwego rw'Igihugu (National roads) mu buryo bukurikira: - Mu byapa bya Ngarama-Ryabega-Kagitumba (ujya kuri border ya Kagitumba) - Ryabega – Nyagatare. - Nyagatare – Mimuli. - Nyagatare – Rwempasha (Kizinga border) - Nyagatare - Tabagwe (Buziba border) - Nyirangegene – Rwabiharamba – Nyungwe (Umuhanda ujya muri park y'Akagera). - Nyagatare – Rukomo – Gatunda – Muhambo – Kiyombe (Gatuna border). Inama njyanama yemeje imihanda iri ku rwego rwa mbere mu Karere (District roads class one), ku buryo bukurikira: - Nyarupfubire – Kirebe – Gatebe – Karushuga.

			- Rurenge pont – Rukomo – Gatunda. - Ryabega – Katabagemu – Mimuli. Rwempasha - Musheli – Ntoma
31	**01/12/2014**	Kwemeza imikoreshereze y'ubutaka mu Karere (Land use master plan)	Abagize inama njyanama bagejejweho igishushanyo kigaragaza imikoreshereze y'ubutaka mu Karere baracyemeza.
32	**04/05/2015**	Gusuzuma imbibi z'ubutaka bw'Akarere n'ikigo cya gisirikare cya Gabiro ndetse n'ibindi bibazo bijyanye n'ubutaka muri rusange..	Abagize inama njyanama bashyizeho itsinda ryo gukurikirana ikibazo kiri hagati y'imbibi z'ubutaka bw'Akarere n'ahahoze ari **TTC/MATIMBA** ubu hacungwaga n'ubuyobozi bw'ikigo cya gisirikare cya Gabiro kugira ngo gikemuke.
33	**04/05/2015**	Kwemeza KAZAZA nka centre y'ubucuruzi	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ko ahitwa KAZAZA haba centre y'ubucuruzi.
34	**04/05/2015**	Kwemeza ahazubakwa ibitaro byunganira iby'Akarere ka Nyagatare**.**	Abagize Inama njyanama y'Akarere ka **NYAGATARE** bamaze gusuzuma ibaruwa ya Minisitiri w'ubuzima yo kuwa **28/01/2015**;Bemeje ko ibitaro byubakwa mu murenge wa Gatunda k'ubutaka bw'ishuri rya **G.S Rwebare**.
D.IMYENDA			
35	**12/05/2011**	Gusaba iyemezwa n'iyishyurwa ry'umwenda ungana na Miliyoni **69953931** Akarere kari kabereyemo BRD.	Inama njyanama yasobanuriwe inkomoko y'uwomwenda ko ari telephone BRD yari yagurije Akarere ngo kazihe abaturage, njyanama yemeje ko uwo mwenda wishyurwa telephone zisigaye zikagurishwa amafaranga agashyirwa kuri konte y'Akarere.

E.KONTI			
36	**27/062012**	Kwemeza ifungurwa rya konti nshya muri banki y'abaturage	Bitewe n'uko banki y'abaturage ifite amashami menshi mu mirenge, Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko hafungurwa konti nshya muri iyo banki kugira ngo byorohereze abakira imisoro ndetse n'abaturage muri rusange.
37	**01/04/2013**	Kwemeza ifungurwa rya konti y'Akarere muri banki yegereye abaturage	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ifungurwa rya konti y'Akarere muri za sacco z'imirenge mu rwego rwokurushaho kworohereza abaturage.
38	**30/06/2015**	Gufungura konte ya FONERWA	Abagize Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ko hafungurwa konte ya **FONERWA** kugira ngo hubahirizwe gahunda ya leta yo kunyuzaho amafaranga yo kubungabunga ibidukikije by'umwihariko
II. IMIBEREHO MYIZA			
39	**08/10/2012**	Kwemeza amabwiriza ya ministiri no 006/12/10/FISC/DEC.	Kubijyanye n'imicungire y'imari mu bigo by'ubwisungane, Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko hafunguzwa konti ya mituelle de santé muri BNR.
40	**29/02/2012**	Gushaka umukozi ushinzwe gukurikirana abafite ubumuga ku Karere.	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje ko hagomba gushakwa umukozi ushinzwe gukurikirana ababana n'ubumuga ku karere.
41	**01/04/2013**	Kwemeza ikoreshwa ry'ibibina by'ubwisungane mukwivuza	Inama njyanama yemeje amabwiriza y'umuyobozi w'Akarere No 01/2013 yo kuwa 01/04/2015 agena ibibina by'ubwisungane mu kwivuza.
42	**22/08/2014**	Kwemeza amabwiriza arebana no kubungabunga, kwita kw'isuku ndetse n'ibihano n'amahazabu.	Abagize inama njyanama bemeje ibihano n'amahazabu n'amabwiraza arebana no kubungabunga no kwita ku isuku.
43	**14/02/2014**	Gusuzuma no kwemeza iyongezwa ry'amafaranga y'ishuri rya VTC Cyondo.	Abagize inama njyanama bashingiye kw'ibaruwa y'umuyobozi w'ikigo cya VTC Cyondo yo ku wa 23/12/2013 yasabaga uburenganzira bwo kongera

			amafaranga ku kigo cy'imyuga cya **VTC CYONDO** muri uyu mwaka wa 2014, ishingiye kandi ku nyandikomvugo y'inama ya komisiyo y'imibereho myiza yo ku wa 10/02/2014, aho yabyizeho ikabikorera ubugororangingo, abagize Inama njyanama y'Akarere bemeje ibi bikurikira: **1. Amafaranga y'igihembwe cya I** yari ateganijwe ni 105,700frw hemejwe 97,300 frw harimo umwambaro w'ishuri, ushaka akaba yawizanira hagasigara 79,300frw kuko ay'umwambaro w'ishuri ari 18,000frw. **2. Amafaranga y'igihembwe cya II** hemejwe 67,000frw **3. Amafaranga y'igihembwe cya III** hemejwe 72,000frw. **Icyitonderwa:** ibi byose byemejwe hamaze gukorwa ubushishozi bw'ibikenewe muri buri gihembwe kandi bikareba abanyeshuri biga igihe kirekire. **4. Abanyeshuri biga amezi atandatu, bahabwa certificate**, bazishyura amafaranga 133,800frw ahwanye n'ibihembwe bibiri ariko bizaniye umwambaro w'ishuri, igihe bawuguriye ku ishuri bazishyura 151,800frw. **5. Abanyeshuri biga amezi atatu nabo bagahabwa certificate** bazajya bishyura amafaranga 93,300frw harimo n'umwambaro w'ishuri, mugihe bawizaniye bishyure amafaranga

			75,300frw.
	III. POLITIKI N'IMIYOBORERE MYIZA		
44	**12/03/2011**	Gushyiraho abajyanama mu ma komisiyo	Abajyanama bashyizwe mumakomisiyo akurikira: 1.**Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu** igizwe n'abajyanama bakurikira: -KAMANZI Alcade - KANZAYIRE Jacky Perezidante -MUGANWA Stanley - MUKAWERA Magret -MUTEGWARABA Egidia -NYIRANJYAMBERE Cecile -RWIHIMBA R.Claude -UWIMANA M.Rose **2.Komisiyo y'a Politiki n'imiyoberere myiza** igizwe n'Abajyanama bakurikira**:** **-**MUKANGWIJE Floride -MUSHYIJA Charles Perezida -MURUNGI Frolence -MUSONI Alex -NIYITEGEKA Scolastique -NTAZINDA BADEGE Sam -NTUNZWENIMANA Martin -SABITI ATUHE Fred -TWIZEYIMANA Joseph **3.Komisiyo y'Imibereho myiza** igizwe n'Abajyanama bakurikira: -FURAHA Fidele -KABANYANA Jane

			-MBABAZI Peace -MUHONGERWA Patricie -MUKURIZEHE Annualite -MURENZI Hassan Perezida -MUSABYEMARIYA Domithille -MUSABYIMANA Charlotte -NSHIMIYUMUREMYI Ildephonse -UWAYISENGA Pierre Celestin
45	**12/03/2011**	Kwiga ku itumanaho ry'Abagize Komite Nyobozi	Inama njyanama yemeje ko komite nyobozi y'Akarere yagurirwa telephone z'ubwoko bwa blackberry zikishyurwa mu gihe cy'imyaka ibiri.
46	**11/12/2011**	Kwemeza Airtime y'abakozi b'Akarere	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje amafaranga y'itumanaho y'abakozi b'akarere mu buryo bukurikira: -Directors by rank, 20,000 ku kwezi -In charge 15000 ku kwezi -Engeneer CDF 50,000 ku kwezi
47	**11/12/2011**	Kwemeza EDPRS Self assessment validation	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yagejejweho raporo y'ibyavuye muri EDPRS 1 barayisesengura bayikorera ubugororangingo barayemeza.
48	**17/06/2013**	Kwemeza igenamigambi ry'iterambera ry'Akarere ry'imyaka itanu (DDP)2013-2018	Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare yemeje igenamigambi ry'iterambere ry'Akarere ry'imyaka itanu (Didstrict Development Plan) 2013-2018.
49	**27/10/2013**	Kugezwaho ibyagezweho mu bushakashatsi ku bijyanye n'umutungo kamere w'AKarere. **(keypotentialities logical framework).**	Abagize Inama njyanama bagejejweho ibyavuye mu bushakashatsi ku bijyanye n'umutungo kamere w'AKarere ka Nyagatare (**key potentialities logical framework**) babyunguranaho ibitecyerezo ku buryo burambuye barabyemeza. Inama njyanama kandi yasabye ko iyo nyandiko ishyirwa kuri web site y'Akarere nyuma yo kuyinononsora.

50	**21/05/2014**	Ishyirwaho ry'abagize **DASSO.**	Abagize Inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje ko hashyirwaho urwego rwa **DASSO** maze rugafashwa mukurangiza inshingano zarwo.
51	**27/10/2013**	Gushyiraho abagize akanama k'amasoko k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Akarere.	Inama njyanama imaze gusuzuma ibaruwa y'umuyobozi mukuru wa RPPA Bwana SEMINEGA Augustus yo kuwa 08/05/2013 yasabaga perezida w'inama njyanama gushyiraho akanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Akarere, kubari basanzwe mu kanama aribo: 1. MUKESHIMANA Jamilla (Manager NYAMIG) 2. MUGABO Faustin (LDF Officer at District) 3. NKUNDIMANA HOBESS (Labour Inspector) 4. Dr NDABAGA Eugene (Vice Rector Umutara Polytechnic) 5. HAKIZAMUNGU Thomas (PS Jadf AT District) Inama njyanama yongemo abandi aribo: MUTERA Augustin (Engineer) na KANAMUGIRE Sylvie (in charge procurement nursing).
52	**27/10/2013**	Raporo ku kibazo cya: RWAMUGIRA Gerard	Inama njyanama ishingiye kuri raporo ya komisiyo politike y'inama njyanama, ku kibazo cya Bwana RWAMUGIRA Gerard yo kuwa 17/07/2013. Inama njyanama yafashe umwanzuro ko Bwana RWAMUGIRA yandikirwa asabwa kugaragaza photocopy y'icyangombwa kigaragaza uburyo yahawemo ubutaka aburana ko ari ubwe, hanyuma bikazashingirwaho hafatwa umwanzuro wa nyuma.
53	**27/10/2013**	Abaturage ba RWEMPASHA ku kibazo cy'ubutaka bwo mu kirimburi	Inama njyanama imaze kubona ikibazo cy'abaturage bafite ubutaka mu kirimburi kimaze igihe kirekire aribo: 1. **RURANGIRWA Frank** 2. **GAHIGANA Erneste** 3. **MUSHUMBA Stephen** 4. **RUHIMBANA John** Inama njyanama yasabye ko ubuyobozi

			bw'Akarere bwandikira Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, Minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu ndetse na Minisiteri y'ibikorwa remezo n'umutungo kamere n'ubuyobozi bw'Intara kugira ngo bagire inama Akarere uburyo icyo kibazo cyakemuka.
54	**01/12/2014**	Moto z'abakozi b'icyahoze ari Umujyi w'Umutara	Abagize inama njyanama bemeje ko izo moto zakwishyurwa mu ngengo y'imari y'umwaka 2014-2015 ariko hakabanza gusuzumwa niba ba nyiri izo moto bari bararangije kuzishyura.
55	**21/05/2014**	Kwemeza inkunga yihariye y'utugali twashyizweho by'agateganyo (**Karushuga na Cyamunyana)**	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bakimara gusobanurirwa uko utwo tugali twashyizweho, kubera imiterere yaho ndetse n'ibibazo bihari, bemeje ko tugenerwa inkunga yihariye (special support) basaba ko komite nyobozi yazabitegura hakurikijwe ibikenewe.
56	**21/05/2014**	Kwemeza inkunga yihariye y'imirenge ya Karangazi na Rwimiyaga	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare nyuma yo kurebera hamwe imiterere y'imirenge ya Karangazi na Rwimiyaga ndetse n'ibibazo bihari, bemeje ko ku mafaranga agenerwa imirenge(**fonctionnement**) , iyo mirenge yavuzwe haruguru yazajya yongerwaho ibihumbi ijana (**100,000frw**) kuri buri murenge kugira ngo babashe kurangiza neza inshingano zabo.
57	**03/09/2015**	Kwemeza ibiciro by'itumanaho (internet) igenewe abajyanama	Abagize inama njyanama y'Akarere ka Nyagatare bemeje igiciro cy'ifatabuguzi rya internet y'abagize Inama njyanama y'Akarere gihwanye n'amafaranga ibihumbi makumyabiri nakimwe buri kwezi **(21000Frws).**